UYU MUVUMBI NI URUBAMBYINGWE

Kimenyi

Mu gitondo cy'igicuku
Ari bwo bwa mbere nicuye
Hano aho niyoroshe ikirago
Numvise bombe iturika
Ibintu bikomeza kubomborekana
Numva imvura irahinze
Umuyaga urahushye
Menya ko ari imvura y'umuvumbi
Umutima usubira mu gitereko
Nshyira umusego munsi y'umusaya
Ndicuma ngo nicurika nshire ibicuro
Umuraza mupfunda ibipfunsi ngo amfumbate
Imbariro z'imbavu ze kumbabaza
Nibambure akimbikiriye.

Iyi ndoha nta kintu bihuje indoro
Indiri yayo ikabya induru
Iraririma irimbura amabimba
Irahita yihuta ibyo ihuye nabyo igahutaza
Ibyo ihutaje bigahirima
Ibihigima ikabihirika
Ibigambaraye ikagambiriza kubirambika
Ibirambaraye ikirambura ikabirandura
Imirambi ikayuzuzamo imirambo
Ni iki cyayiteye agasomborotso amazu igasambura
Imisambi igakurura igata mu gisambu?

Sinzi ubwoko bw'icyoko cy'aho ikomoka
Ibiyiri imbere irabikubitana imbaraga
Ibiyiri mu nzira irabigongana ingoga
Irakomanga inzugi z'inzu n'ingoma
Amashyo yumvise imirishyo iti tuhagiriye ishyano
Amasasu n'imyambi biramasha birasa amadirishya urufaya
Imirindi y"imirundi iradihagura ku mategura
Ibitonyanga birihonda hasi bihahondagura.

Iyi mvura ivanze n'umuyaga
Muri izi nkoko z'urwanaga
Ndumva imeze nk'inanga zivanze zivuga urwunge
Harimo imirya y'inanga zinangiye
Ingoma zitsikimba
Ziherekejwe n'imirishyo y'ishakwe
N'amakondera y'amakombe

N’imirangururе y’umwirongi
Yiganjemo imiduri n’indingiti.

Harimo amajwi ajwigira
Ahwihwisa n’avuza ubuhuha
Avugiriza n’avumera
Asuma n’asamira
Asakuza n’asakabaka
Agigima n’aririma
Araroma n’aruruma
Atontoma n’atogota
Arangururа n’arangira
arondogora n’arandaga.
Ndumva n’ibintu bicuragura
N’intore zicunda amayugi

Igishyika ibiti byose byayakiranye igishyika
Byigira imisambi bisimbuka byisimbagiza bibyina sambwe
Umuyaga uranga ukomeza umurego
Bibwira imibyimba kubyina ikinimba
Bihimba n’izindi mbyino ngo ziyihimbaze
Ibirenge bitangira kubyimba
Bidatinze muzunga irabizungereza
Bitambika amaboko nk’ibibambye ku musaraba
Imbavu zikomeza kubabara
Byambaza bisaba imbabazi
Byizeye ko amaherezo bigira amahirwe
Bikabona amahoro ntibizire amaherere
Ni ko kuvuza iya Bahanda
Ariko iranga irabyangiza
Iby”inganzamarumbu byifata nk’ibirumbo
Imiyenzi n’ibiziranyenzi bibura ingenzi
Imivumu yinjirwamo n’umuvumo
Iby”ibigwi bigwa rugikubita
Iby”injege irabijegeza
Irabicugusa irabicogoza
Irabitikagura irabicocagura
Irabijegajeza irabinyeganyeza
Bibonye ko nta mishyikirano bihinda umushyitsi
Bikubitwa nk’ukubita abajuru
Byibaza icyo bizira
Kandi nta mwenda byariye
Nta mbabare byambuye
Nta mpaka byateye
Nta nzigo nta nzika
Nta musoro byarariranye

Nta muhutu cyangwa umututsi byatutse
Nta mahugu byateye mu gihugu
Nta mpuguke byihaye guhohotera no guhotora
Ngo abahanga n'abahanzi bicwe no guhogora
Nta n'ubwo byigometse ngo bireme urugomo ruzana uruguma
Mbere yo kwihirika umugongo urakaka byose bitaka bigongera
Intare y'umuvumbi rubuzakuvumba
Igarikana ingongo ingoga
Ibyesa hasi ibitaka birisesa
Maze izo ntumbi zipfana intimba
Kuki yaraye irakaye irarikiye kurimbura
Cyakora imisozi yo yakize ivumbi
Ndabona nta n'uzongera kuvumbika.

Imfizi Rusine yihebye
Inka n'inyana ziyibyagiye inyuma zumiwe
Sebinagana na bisabo byayo byihinnye
Yubitse amaso kubera isoni
Iti nta kibi nko kunyagwa unyagiwe
Yashobewe ntacyo igishoboye
Yabize icyuya ita icyubahiro n'icyusa
Agahinda katumye ihindana
Irakomanya amenyo nk'imwenyuye
Ruseke irayisoka ikeka ko bayiseka
Ubu irareshya nk'isekuru
Yahindutse nk'isekurume y'ihene
Ni yo ikibona ibyago by'abagabo.

Mu ishyamba ishyano ryaguye
Umubiri w'inyamaswa wabaye inyama
Ubwoya bwapfutse kugera mu bworo bw'amajanja
Ubwonko bwinjiwe n'ubwoba
Zabuze amahoro zirahohoterwa
Zose zaboze ziracura umuborogo
Inguge n'ingagi ziragonga ubutitsa
Impara n'imparage yazimye impuhwe
Impongo n'ingeragere zifite impungenge
Impyisi zo zakize imbyiro ariko zarwaye impyiko
Ibyo twibwiraga ko ari ibihanyaswa nk'intare n'inzovu
Yazambitse ubusa zerekana ubuswa ziba utunyamaswa
Ibiguruka byo mu kanya gato biragatora
Inyoni n'ibisiga ntisiganira gusiga ibisize
Zirugama he zirihisha he
Yazivunaguye ibicumbi ziracumbagira
Hose nta mwotsi ucumba ngo zibone aho zisaba icumbi
Inyombyi, inyange n'inyamanza yazinyagiye pe

Ko nshimye izindi nyoni zishobora kunyonyomba
Ifundi n'isandi zisanzwe zihutazwa n'umuyaga usanzwe
Koko uyu mukoshi zirawukira
Narahira ko idahita itazihitanye.

Imivu yayo ntawe uyivogera
Ibifite ivogonyo irabyivugana
Ibihimbi ibihumbi n'ibihumbagiza
Iragenda ibihumbahumba
Iramanukana imisozi umuvuduko
Igana akabande ikiroha mu nzuzi n'imigezi
Inzuzi zasendereye zarenze inkombe
Yazinjiye mu mizi ibirimo irazikura
Ibyihishe mu nkokora irabivumbura
Bimeze nk'imbohe birareremba ubona ko byarembye
Ingona zabaye nk'ingonokera
Imvubu zo zirasa n'uruvu rwivuguse mu ivu
Rudaherutse kuvugutirwa imivunde cyangwa ubuvunderi
Cyangwa icyugu bapombye icyuka
Ibintu byaziyobeye
Aho iziganishije ntizihazi.

Uko numva ibintu bimeze si ukubera umuze
Iby'akazi bizaza ibi bizazane byashize
Sindi mu baparapara bapagasa
Bafite amapatano yo gupakira no gupakurura
Cyangwa bagira umururumba bakanywa umuravumba
Sindenga irebe ngo nshyire ibirenge imbere ngiye kurondera ibya Mirenge
Nzi ko n'irembo narigeraho narambaraye nk'uwakubiswe indembo
Nibashaka bankurure imvi banshyire mu mva ntawe umvana muri kino kirago
Ngo njye muri iyi mvura mviririane
Nibishaka nzire inzara singiye kugwa ku nzira
Nzemera mbe umutindi ntazize ino ntindigasani.

Ese mana Imana yagize amazinda
Yifata mu kazindaro
Ikandagira indiba y'inda ijuru rirasandara
Yaba se ari inkuba zanze gusangira ibicu
Maze ibyo byihanduzacumu bikarema intambara
Imihunda y'amacumu igapfumura ijuru
Ijoro rikiremamo ijuri ririmo urujijo
Cyangwa se ni ibihangange bihora bihangana
Bitagishoboye kwihanganirana
Bikaba byikoze mu gahanga
Maze muri iryo kotaniro n'isibaniro
Bigakoma Rutenderi inyanja n'inzuri zikivumbura maze zikivumbagatanya

Zikarema imvururu zigahinduka umuvumba wabyaye iyi mvura y’umuvumbi
Yanyanyagiye ikirere ikatunyagira ishishikaye.

Igishyika twagekaga ko ari ugushyanuka kw’amaguru mashya
Tutazi ko izashyira ikaba urushyana
Birashoboka ko igitondo nigitangaza
Ahari amatungo ihasize amatongo
Ibintu byose yabisenye ari umusenyi
Isubira igasubira iyo yaturutse
Ariko se nihagira utugambanira igahindura imigambi
Yagera hagati mu muhanda igahindukira
Igahinduka umuhindo ikaturasa impindu n’amahindu
Hari n’icyo izasiga cy’igisigisigi cyo kubara inkuru?

Alexandre Kimenyi
January 2008